

ITEGEKO N° 63/2013 RYO KUWA 27/08/2013
RIGENA INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BY'IKIGO CY'IGIHUGU
CYO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE
(REMA)

LAW N°63/2013 OF 27/08/2013
DETERMINING THE MISSION,
ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF
RWANDA ENVIRONMENT
MANAGEMENT AUTHORITY (REMA)

LOI N° 63/2013 DU 27/08/2013 PORTANT
MISSION, ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE
RWANDAIS DE PROTECTION DE
L'ENVIRONNEMENT (REMA)

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Icyicaró cya REMA

Article 2: Head office of REMA

Article 3 : Siège de REMA

UMUTWE WA II: INSHINGANO
N'UBUBASHA BYA REMA

CHAPTER II: MISSIONS AND POWERS
OF REMA

CHAPITRE II : MISSIONS ET POUVOIRS
DE REMA

Ingingo ya 3: Inshingano za REMA

Article 3: Mission of REMA

Article 3 : Missions de REMA

Ingingo ya 4: Ububasha bwa REMA

Article 4: Powers of REMA

Article 4 : Pouvoirs de REMA

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA
REMA N'ICYICIRO IRIMO

CHAPTER III: SUPERVISING
AUTHORITY OF REMA AND ITS
CATEGORY

CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE DE
REMA ET SA CATEGORIE

Ingingo ya 5: Urwego rureberera REMA
n'icyiciro irimo

Article 5: Supervising authority of REMA and
its category

Article 5 : Organe de tutelle de REMA et sa
catégorie

UMUTWE WA IV: IMITERERE
N'IMIKORERE BYA REMA

CHAPTER IV: ORGANIZATION AND
FUNCTIONING OF REMA

CHAPITRE IV : ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DE REMA

Ingingo ya 6: Inzego z'ubuyobozi za REMA

Article 6: Management organs of REMA

Article 6 : Organes de direction de REMA

<u>Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi</u>	<u>Section One: Board of Directors</u>	<u>Section première : Conseil d'Administration</u>
<u>Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi ya REMA</u>	<u>Article 7: Board of Directors of REMA</u>	<u>Article 7 : Conseil d'Administration du REMA</u>
<u>Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama</u>	<u>Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors</u>	<u>Article 8 : Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration</u>
<u>Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi</u>	<u>Article 9: Incompatibilities with membership of the Board of Directors</u>	<u>Article 9 : Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration</u>
<u>Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru</u>	<u>Section 2: General Directorate</u>	<u>Section 2 : Direction Générale</u>
<u>Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa REMA</u>	<u>Article 10: Composition of the General Directorate of REMA</u>	<u>Article 10 : Composition de la Direction Générale de REMA</u>
<u>Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba REMA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba REMA</u>	<u>Article 11: Statute governing staff of REMA and benefits of members of the General Directorate and the staff of REMA</u>	<u>Article 11 : Statut régissant le personnel du REMA et appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel de REMA</u>
<u>Ingingo ya 12: Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za REMA</u>	<u>Article 12: Organization, functioning and responsibilities of the organs of REMA</u>	<u>Article 12 : Organisation, fonctionnement et attributions des organes de REMA</u>
<u>UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI</u>	<u>CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE</u>	<u>CHAPITRE V : PATRIMOINE ET FINANCES</u>
<u>Ingingo ya 13: Umutungo wa REMA n'inkomoko yawo</u>	<u>Article 13: Property of REMA and its sources</u>	<u>Article 13 : Patrimoine de REMA et ses sources</u>
<u>Ingingo ya 14: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa REMA</u>	<u>Article 14: Use, management and audit of the property of REMA</u>	<u>Article 14 : Utilisation, gestion et audit du patrimoine de REMA</u>
<u>Ingingo ya 15: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya REMA</u>	<u>Article 15: Approval and management of the budget of REMA</u>	<u>Article 15 : Adoption et gestion du budget de REMA</u>
<u>Ingingo ya 16: Raporo y'umwaka w'ibaruramari</u>	<u>Article 16: Annual financial report</u>	<u>Article 16 : Rapport annuel financier</u>

UMUTWE WA VI : INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 17 : Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko

Article 17: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 17 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 18: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko ngenga

Article 18: Repealing provision

Article 18 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 19: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 19: Commencement

Article 19 : Entrée en vigueur

**ITEGEKO N° 63/2013 RYO KUWA 27/08/2013
RIGENA INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BY'IKIGO CY'IGIHUGU
CYO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE
(REMA)**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA.**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo kuwa 16
Gicurasi 2013;

Umutwe wa Sena mu nama yawo yo kuwa 16
Gicurasi 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo
zaryo, iya 49, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89,
iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya
113, 118, iya 183 n'iya 201;

**LAW N°63/2013 OF 27/08/2013
DETERMINING THE MISSION,
ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF
RWANDA ENVIRONMENT
MANAGEMENT AUTHORITY (REMA)**

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 16
May 2013;

The Senate, in its session of 16 May 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,
especially in Articles 49, 62, 66, 67, 88, 89, 90,
92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 183 and 201;

**LOI N° 63/2013 DU 27/08/2013 PORTANT
MISSION, ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE
RWANDAIS DE PROTECTION DE
L'ENVIRONNEMENT (REMA)**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU
RWANDA**

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 16 mai
2013 ;

Le Sénat, en sa séance du 16 mai 2013 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 49, 62, 66, 67, 88, 89,
90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 183 et 201 ;

Official Gazette n° 41 of 14/10/2013

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 65;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta, nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu;

Isubiye ku Itegeko n° 16/2006 ryo kuwa 03/04/2006 rigena imiterere, imikorere n'inshingano by'Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda especially in its Article 65;

Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing public institutions as modified and complemented to date;

Having reviewed Law n° 16/2006 of 03/04/2006 determining the organization, functioning and responsibilities of Rwanda Environment Management Authority;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda, spécialement en son article 65 ;

Vu la Loi Organique n°06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour ;

Revu la Loi n° 16/2006 du 03/04/2006 portant organisation, fonctionnement et attributions de l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement ;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije cyitwa "REMA" mu magambo ahinnye y'Icyongereza.

REMA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo kandi icungwa hakurikijwe amategeko rusange agenga ibigo bya Leta.

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law shall determine the mission, organization and functioning of the Rwanda Environment Management Authority, abbreviated as "REMA".

REMA shall have legal personality, administrative and financial autonomy and shall be governed in accordance with laws governing public institutions.

ADOPTE :

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi porte mission, organisation et fonctionnement de l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement «REMA» en sigle anglais.

REMA est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative et est géré conformément aux lois régissant les établissements publics.

Ingingo ya 2: Icyicaro cya REMA

Icyicaro cya REMA kiri mu Muji wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Republika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

REMA ishobora kugira amashami ahandi hose mu gihugu kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA REMA

Ingingo ya 3: Inshingano za REMA

REMA ni rwo rwego mu Rwanda rushinzwe kugenzura, gukurikirana no kureba ko ibijyanye n'ibidukikije byitabwaho muri gahunda zose z'amajyambere y'Igihugu.

Inshingano z'ingenzi za REMA ni izi zikurikira:

- 1° gushyira mu bikorwa politiki ya Guverinoma ku bijyanye n'ibidukikije;
- 2° kugira inama Guverinoma kuri politiki, ingamba n'amategeko yerekeranye n'imicungire y'ibidukikije ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeranye n'ibidukikije igihe cyose bibaye ngombwa;

Article 2: Head office of REMA

The head office of REMA shall be located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory if deemed necessary.

In order to fulfill its mission, REMA may have branches elsewhere on the Rwandan territory if deemed necessary, upon approval by a Prime Minister's Order.

CHAPTER II: MISSIONS AND POWERS OF REMA

Article 3: Mission of REMA

REMA is the authority in charge of supervising, monitoring and ensuring that issues relating to environment are integrated in all national development programs.

REMA shall have the following main mission:

- 1° to implement Government environmental policy;
- 2° to advise the Government on policies, strategies and legislation related to the management of the environment as well as the implementation of environment related international conventions, whenever deemed necessary;

Article 3 : Siège de REMA

Le siège de REMA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

Pour mieux remplir sa mission, REMA peut, en cas de nécessité établir des branches en tout autre lieu du territoire national après approbation par arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE II: MISSIONS ET POUVOIRS DE REMA

Article 3 : Missions de REMA

REMA est l'organe chargé de contrôler, de faire le suivi et de s'assurer de l'intégration des aspects environnementaux dans tous les programmes de développement national.

Les principales missions de REMA sont les suivantes :

- 1° mettre en œuvre la politique du Gouvernement en matière d'environnement ;
- 2° conseiller, chaque fois que de besoin, le Gouvernement sur la politique, les stratégies et la législation relatives à la gestion de l'environnement ainsi que sur la mise en application des Conventions Internationales relatives à l'environnement ;

Official Gazette n° 41 of 14/10/2013

- | | | |
|--|--|---|
| 3° kugenzura ku buryo buhamye imicungire y'ibidukikije kugira ngo hategurwe raporo itangazwa buri myaka ibiri (2) ku miterere y'ibidukikije mu Rwanda; | 3° to conduct thorough inspection of environmental management in order to prepare a report on the status of environment in Rwanda that shall be published every two (2) years; | 3° mener une inspection exhaustive de la gestion de l'environnement en vue de la préparation d'un rapport sur l'état de l'environnement au Rwanda à publier tous les deux (2) ans ; |
| 4° gushyiraho ingamba zo gukumira imihindagurikire y'ibihe no guhangana n'ingaruka zayo; | 4° to put in place measures designed to prevent climate change and cope with its impacts; | 4° mettre en place des mesures de prévention du changement climatique et d'adaptation à ses effets ; |
| 5° gukora inyigo, ubushakashatsi, iperereza n'indi mirimo isabwa ku bidukikije no gutangaza ibivuyemo; | 5° to conduct studies, research, investigations and other relevant activities in the field of environment and publish the findings; | 5° mener des études, des recherches, des investigations et d'autres travaux pertinents dans le domaine de l'environnement et en publier les résultats ; |
| 6° gukurikiranira hafi no gusuzuma gahunda z'iterambere kugira ngo hubahirizwe amategeko ku bidukikije mu gihe cyo kubitegura no kubishyira mu bikorwa; | 6° to closely monitor and assess development programs to ensure compliance with the laws on environment during their preparation and implementation; | 6° suivre de près et évaluer les programmes de développement pour s'assurer du respect des lois sur l'environnement lors de leur conception et exécution ; |
| 7° kugira uruhare mu itegurwa ry'ibikorwa n'ingamba bigamije kurinda no kubuza impanuka n'ibindi bishobora kwangiza ibidukikije ndetse no guteganya ingamba zo gukosora; | 7° to participate in the preparation of activities strategies designed to prevent risks and other phenomena which may cause environmental degradation and propose remedial measures; | 7° participer à l'élaboration des activités et des mesures de prévention des risques et d'autres phénomènes de nature à causer la dégradation de l'environnement et envisager des mesures correctives ; |
| 8° gutanga inama n'inkunga ya tekini aho bikenewe haba ku bantu no ku nzego zirebwa n'imicungire y'umutungo kamere no kubungabunga ibidukikije; | 8° to provide, where it is necessary, advice and technical support to individuals or entities engaged in natural resources management and environmental conservation; | 8° fournir, là où c'est nécessaire, des conseils et l'appui technique aux individus et entités engagés dans la gestion des ressources naturelles et la protection de l'environnement ; |
| 9° gutegura, gutangaza no gukwirakwiza imfashanyigisho zerekeye imirongo ngenderwaho n'amategeko bijyanye | 9° to prepare, publish and disseminate education materials relating to guidelines and laws relating to environmental | 9° élaborer, publier et diffuser les documents éducatifs sur les directives et les lois relatives à la gestion et à la protection de |

Official Gazette n° 41 of 14/10/2013

n'imicungire, kubungabunga ibidukikije, no kugabanya ibyabyangiza;

management and protection and reduce environmental degradation risks;

l'environnement ainsi qu'à la réduction des risques de sa dégradation ;

10° gukurikirana no kuzuzura inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije, inyigo y'igenzurangaruka ku bidukikije, inyigo y'isuzumangaruka ry'ingamba na gahunda ku bidukikije n'indi nyigo yose ku bidukikije. REMA ishobora guha undi muntu uburenganzira mu nyandiko bwo gusuzuma no kwemeza izo nyigo;

10° to monitor and supervise impact assessment, environmental audit, strategic environmental assessment and any other environmental study. REMA may authorize, in writing, any other person to analyze and approve these studies;

10° faire le suivi et contrôler l'étude d'impact environnemental, l'audit environnemental et l'évaluation environnementale stratégique et toute autre étude environnementale. REMA peut autoriser par écrit une autre personne à analyser et approuver ces études ;

11° gutsura umubano no gufatanya n'ibigo n'imiryango byo mu gihugu n'ibyo hanze y'u Rwanda bifite ibidukikije mu nshingano zabyo ndetse n'ibindi byose byafasha REMA kugera ku nshingano zayo;

11° to establish relationships and cooperate with national and international institutions and organizations in charge of environment and any other bodies that may help REMA to fulfill its mission.

11° établir des relations et coopérer avec les institutions et les organisations de l'intérieur et de l'extérieur du Rwanda ayant l'environnement dans leurs attributions ainsi que d'autres organes pouvant permettre à REMA de remplir sa mission.

Icyakora, ibivugwa mu duce tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo nta na rimwe bivanaho inshingano za buri rwego n'iza buri wese mu kubungabunga no kurengera ibidukikije.

However, the provisions of items of Paragraph One of this Article shall in no way relieve any organ or any person of his/her duties to safeguard and protect environment.

Toutefois, les dispositions des points de l'alinéa premier du présent article ne peuvent en aucun cas dégager un organe ou une personne quelconque de son devoir de sauvegarder et de protéger l'environnement.

Ingingo ya 4: Ububasha bwa REMA

Article 4: Powers of REMA

Article 4 : Pouvoirs de REMA

Kugira ngo ishobore kurangiza inshingano zayo zivugwa muri iri tegeko, REMA ifite ububasha bukurikira:

In order to fulfill its mission provided under this Law, REMA shall have the following powers:

Pour remplir sa mission prévue par la présente loi, REMA dispose de pouvoirs suivants :

1° gusaba ikigo cyangwa urwego urwo ari rwo rwose raporo ku miterere y'ibidukikije mu gihe birureba;

1° to request any concerned institution or organ to submit an environment status report;

1° demander à toute institution ou à tout organe concerné de donner un rapport sur l'état de l'environnement ;

Official Gazette n° 41 of 14/10/2013

- | | | |
|---|--|---|
| 2° gusura nta nteguza aho ari ho hose hakorerwa umushinga, inyubako, uruganda n'ubucuruzi mu rwego rwo gukora igenzura ku bikorwa bibangamiye ibidukikije; | 2° to visit without prior notice any project, building, industrial and business site in order to conduct inspection of activities harmful to environment; | 2° visiter sans préavis tout site de projet, de construction, d'établissement industriel et commercial dans le cadre des inspections des activités préjudiciables à l'environnement ; |
| 3° kugenza ibyaha nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda; | 3° to investigate offences in accordance with Organic Law determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda; | 3° enquêter sur les infractions conformément à la Loi Organique portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda ; |
| 4° gutegeka ihagarikwa by'agateganyo ry'ibikorwa bitubahiriza ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda n'andi mategeko arengera ibidukikije; | 4° to order the suspension of activities contrary to the provisions of Organic Law determining modalities of protection, conservation and promotion of the environment in Rwanda and other laws relating to the protection of environment; | 4° ordonner la suspension des activités non conformes aux dispositions de la Loi Organique portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda ainsi qu'à d'autres lois relatives à la protection de l'environnement ; |
| 5° kwambura uwo ariwe wese ibintu bitandukanye bibujijwe n'amategeko agamije kurengera ibidukikije; | 5° to confiscate from any person various objects prohibited by laws relating to the protection of environment; | 5° confisquer à toute personne différents objets interdits par les lois relatives à la protection de l'environnement ; |
| 6° kwakira imfashanyo, inkunga cyangwa impano; | 6° to receive aid, subsidies or donations; | 6° recevoir des aides, des subventions ou des dons ; |
| 7° gutanga ibihembo n'inkunga mu rwego rwo gushishikariza abantu kubungabunga ibidukikije. | 7° to grant awards and subsidies in order to sensitize people on environmental protection. | 7° octroyer des prix et des subventions en vue de sensibiliser la population sur la protection de l'environnement ; |

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA
REMA N'ICYICIRO IRIMO**

**Ingingo ya 5: Urwego rureberera REMA
n'icyiciro irimo**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera REMA n'icyiciro irimo.

Hagati y'urwego rureberera REMA n'urwego rufata ibyemezo hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano bya buri ruhande mu kugeza REMA ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'urwego rufata ibyemezo rwa REMA.

**UMUTWE WA IV: IMITERERE
N'IMIKORERE BYA REMA**

Ingingo ya 6: Inzego z'ubuyobozi za REMA

REMA igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

- 1° Inama y'Ubuyobozi;
- 2° Ubuyobozi Bukuru.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa kugira ngo REMA ishobore kurangiza neza inshingano zayo.

**CHAPTER III: SUPERVISING
AUTHORITY OF REMA AND ITS
CATEGORY**

**Article 5: Supervising authority of REMA and
its category**

A Prime Minister's Order shall determine the supervising authority of REMA and its category.

There shall be concluded between the supervising authority of REMA and its decision-making organ a performance contract determining competences, rights and obligations of each party in order for REMA to fulfill its mission.

Such a contract shall be valid for a period equal to the term of office of the members of the decision-making organ of REMA.

**CHAPTER IV: ORGANIZATION AND
FUNCTIONING OF REMA**

Article 6: Management organs of REMA

REMA shall be comprised of the two (2) following management organs:

- 1° the Board of Directors;
- 2° the General Directorate.

A Prime Minister's Order may determine other necessary organs for REMA to fulfill its mission.

**CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE DE
REMA ET SA CATEGORIE**

**Article 5 : Organe de tutelle de REMA et sa
catégorie**

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle de REMA et sa catégorie.

Il est conclu entre l'organe de tutelle de REMA et son organe de prise de décisions, un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation de la mission de REMA.

Ce contrat est valable pour une durée égale au mandat des membres de l'organe de prise de décisions de REMA.

**CHAPITRE IV : ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DE REMA**

Article 6 : Organes de direction de REMA

REMA est doté de deux (2) organes de direction suivants :

- 1° le Conseil d'Administration ;
- 2° la Direction Générale.

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes nécessaires pour permettre à REMA de réaliser sa mission.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi ya REMA

Inama y'Ubuyobozi ya REMA ni rwo rwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo.

Ububasha, inshingano n'imikorere byayo kimwe n'inshingano z'abayigize n'igihe bamara ku mirimo yabo bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi harimo Perezida na Visi Perezida.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga agenwa n'Iteka rya Perezida.

Section One: Board of Directors

Article 7: Board of Directors of REMA

The Board of Directors of REMA shall be the governing and decision-making organ.

The competences, responsibilities, functioning of the Boards of Directors and the term of office of its members shall be determined by a Prime Minister's Order.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors including the Chairperson and the Vice Chairperson.

Members of the Board of Directors shall be selected on the basis of their competence and expertise.

At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors must be females.

Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors

Members of the Board of Directors present in the meetings of the Board of Directors shall be entitled to sitting allowances determined by a Presidential Order.

Section première : Conseil d'Administration

Article 7 : Conseil d'Administration de REMA

Le Conseil d'Administration de REMA est l'organe de direction et de prise de décisions.

Les compétences, les attributions, le fonctionnement de Conseil d'Administration et la durée du mandat de ses membres sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

Les membres du Conseil d'Administration dont le Président et le Vice-Président sont nommés par arrêté présidentiel.

Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration doivent être de sexe féminin.

Article 8 : Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du Conseil d'Administration bénéficient de jetons de présence dont le montant est déterminé par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri REMA.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane gupiganira amasoko atangwa na REMA.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru

Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa REMA

Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa REMA bashyirwaho n'Iteka rya Perezida.

Ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Ubuyobozi Bukuru bwa REMA bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba REMA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba REMA

Abakozi ba REMA bagengwa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba REMA biteganywa n'amategeko agenga ibyo

Article 9: Incompatibilities with membership of the Board of Directors

Members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity within REMA.

They shall not also be allowed, either individually or companies in which they hold shares, to bid for tenders of REMA.

Section 2: General Directorate

Article 10: Composition of the General Directorate of REMA

Members of the General Directorate of REMA shall be appointed by a Presidential Order.

The competences and responsibilities of members of the General Directorate of REMA as well as modalities for performance of their duties shall be determined by a Prime Minister's Order.

Article 11: Statute governing staff of REMA and benefits of members of the General Directorate and the staff of REMA

The staff of REMA shall be governed by the General Statute for Rwanda Public Service.

Benefits allocated to members of the General Directorate and to the staff of REMA shall be

Article 9 : Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer une activité rémunérée au sein de REMA.

Ils ne sont pas non plus autorisés, soit individuellement ou les sociétés dont ils sont actionnaires, à soumissionner aux marchés de REMA.

Section 2 : Direction Générale

Article 10 : Composition de la Direction Générale de REMA

Les membres de la Direction Générale de REMA sont nommés par arrêté présidentiel.

Les compétences et les attributions des membres de la Direction Générale de REMA ainsi que les modalités d'exercice de leurs fonctions sont déterminées par Arrêté du Premier Ministre.

Article 11 : Statut régissant le personnel du REMA et appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel de REMA

Le personnel de REMA est régi par le Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise.

Les appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel de REMA sont

abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa.

determined in accordance with legal provisions governing benefits to employees of public institutions.

déterminés conformément aux dispositions légales régissant les avantages alloués au personnel des établissements publics.

Ingingo ya 12: Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzezo z'imirimo za REMA

Article 12: Organization, functioning and responsibilities of the organs of REMA

Article 12 : Organisation, fonctionnement et attributions des organes de REMA

Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzezo z'imirimo za REMA bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

The organization, functioning and responsibilities of the organs of REMA shall be determined by a Prime Minister's Order.

L'organisation, le fonctionnement et les attributions des organes de REMA sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

CHAPITRE V : PATRIMOINE ET FINANCES

Ingingo ya 13: Umutungo wa REMA n'inkomoko yawo

Article 13: Property of REMA and its sources

Article 13 : Patrimoine de REMA et ses sources

Umutungo wa REMA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

The property of REMA shall be comprised of movables and immovables.

Le patrimoine de REMA comprend les biens meubles et immeubles.

Ukomoka kuri ibi bikurikira:

It shall come from the following sources:

Il provient des sources suivantes :

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;

1° State budget;

1° le budget de l'Etat ;

2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;

2° Government or partners' grants;

2° les subventions de l'Etat ou des partenaires ;

3° ibituruka ku mirimo ikora;

3° income from services rendered;

3° les revenus des services prestés ;

4° impano n'indagano;

4° donation and bequests;

4° les dons et legs ;

5° inguzanyo zihabwa REMA zemewe na Minisitiri ufite Imari mu nshingano ze.

5° loans granted to REMA approved by the Minister in charge of Finance.

5° les prêts octroyés à REMA approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions.

Ingingo ya 14: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa REMA

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa REMA bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsiri y'imikoreshereze y'umutungo wa REMA buha raporo Inama y'Ubuyobozi bukagera kopi uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa REMA.

Ingingo ya 15: Iyemeza n'amicungire by'ingengo y'imari ya REMA

Ingingo y'imari ya REMA yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 16: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa REMA ashyikiriza urwego rureberera REMA raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

Article 14: Use, management and audit of the property of REMA

The use, management and audit of the property of REMA shall be carried out in accordance with relevant legal provisions.

The internal audit unit of REMA shall submit a report to the Board of Directors with a copy to the head of the General Directorate of REMA.

Article 15: Approval and management of the budget of REMA

The budget of REMA shall be approved and managed in accordance with relevant legal provisions.

Article 16: Annual financial report

Within three (3) months following the closure of the financial year, the head of the General Directorate of REMA shall submit the annual financial report to the supervising authority of REMA after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing the management of the State finance and property.

Article 14: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de REMA

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de REMA sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Le service d'audit interne de REMA transmet son rapport au Conseil d'Administration avec copie au responsable de la Direction Générale de REMA.

Article 15: Adoption et gestion du budget de REMA

Le budget de REMA est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière

Article 16: Rapport annuel financier

Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice financier, le responsable de la Direction Générale de REMA transmet à l'organe de tutelle de REMA le rapport annuel financier après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux dispositions légales régissant la gestion des finances et du patrimoine de l'Etat.

UMUTWE WA VI : INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 17 : Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.

Ingingo ya 18: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko ngenga

Itegeko n°16/2006 ryo ku wa 03/04/2006 rigena imiterere, imikorere n’inshingano by’Ikigo cy’Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije n’izindi ingingo z’amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo, bivanyweho.

Ingingo ya 19: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Kigali, kuwa 27/8/2013

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 17: Drafting, consideration and adoption of this law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 18: Repealing provision

Law n°16/2006 of 03/04/2006 determining the organization, functioning and responsibilities of Rwanda Environment Management Authority and other prior legal provisions inconsistent with this law, are hereby repealed.

Article 19: Commencement

This law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 27/8/2013

CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES

Article 17 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 18 : Disposition abrogatoire

La Loi n° 16/2006 du 03/04/2006 portant organisation, fonctionnement et attributions de l’Office Rwandais de Protection de l’Environnement ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 19 : Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 27/8/2013

Official Gazette n° 41 of 14/10/2013

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika :**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux